

RWANDA REVENUE AUTHORITY
TAXES FOR GROWTH AND DEVELOPMENT

# UMUSORO KU MUTUNGO UTIMUKANWA

HERE FOR YOU TO SERVE

## UMUSORO KU MUTUNGO UTIMUKANWA NI IKI?

Umusoro ku mutungo utimukanwa bivuga umusoro ucibwa ku mutungo uri ahantu udashobora kuvanwa mu buryo mbumbe ngo wimurirwe ahandi n'ibindi biwongerera agaciro

## UMUSORO KU MUTUNGO WISHYURWA NA NDE

- Utunze umutungo utimukanwa umwanditseho
- Utuye cyangwa ukoresha umutungo mu gihe kigera nibura ku myaka ibiri nk'aho ari nyir'umutungo, igihe cyose umwirondoro wa nyir' umutungo wemewe n'amategeko utaramenyekana;.
- Intumwa ihagarariye nyir' umutungo uba mu mahanga;
- Nyir'uburagizwe;
- Ucunga umutungo wasizwe na bene wo hakurikijwe amategeko abigenga

## ISHINGIRO RY'UMUSORO

Umusoro ku mutungo utimukanwa ni umusoro ubarwa kandi ugatangwa na nyir'umutungo, nyir'uburagizwe cyangwa undi muntu ufatwa nka nyir'umutungo utimukanwa

Umusoro ucibwa hashingiwe kuri ibi bikurikira:

- Agaciro ku isoko k'inyubako n'ikibanza cyayo
- Ubuso bw'ubutaka bwagenewe kubakwaho ariko butubatsweho
- Ubuso bw'ubutaka butagenewe kubakwaho
- Ubuso bw'ikibanza kiriho inyubako isonewe umusoro ku mutungo utimukanwa

## IGIPIMO CY'UMUSORO

Igipimo cy'umusoro ku mutungo utimukanwa kigenwe ku buryo bukurikira:

- Hagati ya zeru na 80 kuri metero kare y'ubutaka
- 0.5% by'agaciro ku isoko k'inyubako n'ak'ikibanza byagenewe guturwamo
- 0.3% by'agaciro ku isoko k'inyubako n'ak'ikibanza byagenewe ubucuruzi
- 0.1% by'agaciro ku isoko k'inyubako n'ikibanza byagenewe inganda n'ubucuruzi buto n'ubuciriritse

**Icyakora:**

- Ku nzu yo guturamo ifite amagorofa atatu, umusoro ni 0.25% by'agaciro ku isoko k'inyubako n'ak'ikibanza
- Ku nzu yo guturamo irengeje amagorofa atatu, umusoro ni 0.1% by'agaciro ku isoko k'inyubako nak'ikibanza

## UMUSORO KU MUTUNGO UTIMUKANWA UGURISHIJWE

Umusoro ku mutungo utimukanwa ugurishijwe ubarwa ku buryo bukurikira:

- 2% by'agaciro k'igurisha ry'umutungo utimukanwa iyo ugurishije ari usora wanditswe ku musoro ku nyungu (ku musaruro);
- 2.5% by'agaciro k'igurisha ry 'umutungo ugurishijwe n'umuntu utanditswe ku musoro ku nyungu (ku musaro)

**Icyitonderwa:**

Umusoro ku mutungo ugurishijwe ucibwa ku gaciro k'igurisha hakuwemo 5.000.000 Frw

## IMITUNGO ITIMUKANWA ISONEWE UMUSORO

**1. Imitungo itimukanwa ikurikira isonewe umusoro ku mutungo utimukanwa:**

- Inyubako imwe nyirayo yageneye guturamo nk'icumbi rye, hamwe n'inyubako ziyunganira mu kibanza cyagenewe guturwamo n'umuryango umwe.
- Imitungo itimukanwa yemejwe n'Inama Njyanama y'Akarere cyangwa iy'umujyi wa Kigali nk'iy'abantu batishoboye.
- Imitungo itimukanwa ya Leta n'ibigo byayo, keretse iyo iyo mitungo ikorerwamo ibikorwa bigamije kubyara inyungu cyangwa ikodeshagurisha
- Imitungo itimukanwa itunzwe na ambasade zihagarariye ibihugu by'amahanga mu Rwanda ariko iyo nabo badasoresha ambasade z'u Rwanda iwabo
- Ubutaka bukorerwaho ibikorwa by'ubuhinzi, ubworozi cyangwa amashyamba, iyo bufite ubuso bungana cyangwa buri munsi ya hegitari ebyiri;
- Ubutaka bugenewe kubakwaho amazu yo guturamo ariko nta bikorwa remezo by'ibanze byahashyizwe;
- Ubutaka buriho isangiramutungo ku nyubako cyangwa bwagenewe kubakwaho inyubako ihuriweho mu buryo bw'isangiramutungo.

**2. Ubundi busonerwe**

Ubusonerwe buvugwa mu gika cya (1)(a) cy'iyi ngingo bureba kandi buri gice cy'umutungo cy'umuntu ku giti cye mu bice bigize isangiramutungo ku nyubako iyo icyo gice cy'umutungo ari ryo cumbi ry'umuryango.

**Icyakora:**

Ibice bihuriweho by'inyubako byo bisonewe umusoro mu buryo busesuye.

## IMENYEKANISHAMUSORO

Kumenyekanisha no kwishyura umusoro ku mutungo utimukanwa bikorwa n'usora bitarenze itariki ya 31 Ukuboza k'umwaka w'isoresha




**Ku bindi bisobanuro mwabariza kuri Aderesi ikurikira:**

Call Center: 3004

E-mail:info@rra.gov.rw

Website: www.rra.gov.rw



**Werurwe 2024**



3004 @rrainfo Rwanda Revenue Authority Rwanda Revenue